Ikigo cy’igihugu cy’ibarurishamibare mu Rwanda gikora ubushakashatsi ku buhinzi bukubiyemo amakuru y’ ibihembwe bitatu by'ingenzi mu buhinzi mu Rwanda. Ibihembwe by’ihinga by'ingenzi birimo Igihembwe A, gitangira muri Nzeri kikarangira muri Gashyantare y’umwaka ukurikiraho, Igihembwe B gitangira muri Werurwe kikarangira muri Kamena, n'Igihembwe C gitangira muri Nyakanga kikarangira muri Nzeri.

Muri ayo makuru harimo agendanye n’ubuso bwahinzweho, umusaruro wabonetse n’ikoreshwa ryawo, ikoreshwa ry’inyongeramusaruro ndetse n’amakuru yerekeranye n’ibindi bikorwa bifasha mukubungabunga ubutaka no kongera umusaruro.

Mu gihembwe A cya 2025, ubushakashatsi ku buhinzi bukorwa buri gihembwe cy’ihinga bwakorewe mu dupande tw’ibarura 1.200 no ku bahinzi banini 382.  Mu gihembwe A, ubuso bw’ubutaka bw’igihugu bwari hegitari miliyoni 2.376, Ubutaka bwakoreshejwe mu buhinzi bwari hegitari miliyoni 1.399 bingana na 59% by’ubutaka bwose, Ibihingwa byerera igihembwe byari ku buso bungana na hegitari miliyoni 1.019.

**Reference document (PDF & Excel)**

- Incamake ya SAS 2025 A.pdf (pdf, 973.78 KB)
  LAST UPDATED: 4 Jun 2025

# Data source

**Seasonal Agricultural Survey - 2025**

Save as PDF